	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR150I159v0
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe UKUBOZA 2007
IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO : Soya		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	Projet AFSR
-----------------------------	-------------

Itariki inyandiko yasohoyeho	Ukwakira 2007
-------------------------------------	---------------


Umubare w'amapagi	4
--------------------------	---

IFISHI IRANGA ITUBURA RY'IMBUTO ZIFITE ICYEMEZO (semences certifiées)



Appui à la Filière Semencière du Rwanda

Soya (*Glycine max (L) MERRIL*)



1. AHO IHINGWA

1.1. Akarere ihingwamo:

Soya ni igihingwa cyera hose gishobora guhingwa ku butumburuke bugera kuri m 1900. Ariko iyo ubwo butumburuke burenze m 1800, yerera igihe kirekire kurusha ho. Ntigomba rero guhingwa mu butaka bw'amakoro, ubwo mu misozi miremire ya Buberuka, no mu karere k'imisozi y'isunzu rya Congo Nil.

1.2. Ubutaka :

Igomba guterwa mu butaka burebure kandi bworoshye. Iyo yatewe mikorobi za Rizobiyumu yabigenewe (*Rhizobium spécifique*), Soya ishobora gutanga umusaruro mwiza iyo ihinzwe mu butaka bufite ubusharire buri hagati ya 5 na 5,2. Ariko umusaruro mwiza uboneka k'ubutaka bufite ubusharire bujya kwegera 7.

1.3. Umurima ihingwamo:

- Nyuma yo gutera, urangwa n'icyapa cyanditseho: izina ry'imbuto, itariki itereweho, icyiciro cyayo, ubuso bw'umurima, n'inomero iranga umuhinzi n'umurima.
- **Intera iwutandukanya n'indi mirima:** m 5 uvuye ku mirima irimo andi moko ya Soya cyangwa imbuto imwe, ariko itararobanuwe.

2. UKO ISIMBURANA N'IBINDI BIHINGWA

Umurima utuburirwamo Soya ugomba kuba udaherukamo ibinyamisogwe cyangwa Soya ubwayo mu gihe cy'ihinga kimwe. Soya ishobora gutuburirwa mu murima basaruyemo ibinyabijumba cyangwa ibinyampeke.

3. IBIRANGA AMOKO ABONEKA MU RWANDA

UBWOKO	IBIBURANGA			
	Ibara ry'intete	Igihe yerera (Iminsi)	Umusaruro (Toni/Hegitari)	Amavuta abonekamo (%)
Peka 6	Umuhondo	± 115	2,2	23,4
449/6/16	Chamoise	± 125	2,5	22,6
Bossier	Umuhondo	± 115	2,2	24,6
Ogden	Icyatsi cyeruruka	± 110	2,3	24,6
Duiker	Umuhondo	± 117	2,4	26,8
TGM 1781	Chamoise	± 130	2,5	23,0
Soprosoy	Umuhondo	90	1,8	-

4. UBURYO SOYA IHINGWA

4.1 Itera

- Hakoresha **imbuto shingiro** zo mu mufungo zabanje guterwamo umuti witwa Super Homai (g 5 ku kiro), cyangwa Ferasan D (g 3 ku kiro) cyangwa iyindi miti yica udukoko cyane iboneka mu Rwanda.
- Igihe cyo gutera : ku misozi : mu minsi ya mbere y'ukwezi kwa Nzeri mu gihe cy'ihinga A, no mu minsi ya mbere y'ukwezi kwa Gashyantare, mu gihe cy'ihinga B, bitewe n'igihe imvura yongereye kugwa; mu bishanga byakamijwe: mu mwaka wose.
- Igipimo cy'imbuto: Kg 70 kuri Hegitari 1.
- Umwanya hagati y'ibihingwa : cm 40 hagati y'imirongo, n' intete 1 ya soya muri buri cm 10.
- Ubuajakuzimu : cm 5.

4.2 Ifumbire no gutunganya umurima

- Guhungiza intete g 10 za Rizobiyumu ku kiro cy'imbuto mbere yo kuzitera kugira ngo azote yo mu mwaka ishobore kwinjiramo. Bitabaye ibyo, hagakoresha Kg 200 za NPK 17-17-17 kuri Hegitari mu migende igihe cy'itera.
- Niba igihingwa cyayibanjirije kitari cyarafumbiwe, hanyanyagizwamo toni 10 kugeza kuri 15 z'ifumbire yaboze neza kuri hegitari 1 mu gihe cyo gusanza.
- Bitewe n'uburumbuke cyangwa se kugunduka k'ubutaka, banyanyagiza ibiro 100 bya DAP kuri Hegitari 1 mu gihe cy'ibagara.

4.3 Kubagara no kuvanamwo andi moko adakenewe

- Iyo soya imaze kumera, igomba kurindwa iminsi 10 kugeza kuri 15 kugira ngo inuma zitayirya.
- Kubagara igihe imaze kugira ibibabi 4 na cm nk'icumi z'uburebure (nko mu minsi 22 nyuma yo gutera).
- Gusukira mu rwego rwo kurwanya isazi y'ibisyimbo.
- Kubagara bwa kabiri mbere yo kurabya (nyuma y'iminsi nka 40 imaze guterwa).
- **Kuvanamwo andi moko** ni ngombwa cyane mu rwego rwo kurwanya izitandukanye n'izihingwa cyane cyane izifite indwara zikwirakwiswa n'imbuto nka virusi (mosaique).

4.4 Igenzurwa ry'umurima

- Igenzurwa rya mbere rikorwa Soya ikirabya kugira ngo hagenzurwe uko umurima watandukanyijwe n'iyindi, no kumenya niba hari indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto, nk'indwara y'utudomo twa bururu tuvanze n'umutuku (maladie des taches violacées), indwara y'uduhumyo ya Cercosporiose, indwara y'umugese n'iya bagiteriyoze.)
- Igenzurwa rya kabiri rikorwa igihe imbuto zirimo gukomera kugirango bamenye neza niba ibiranga ubwo bwoko bihari, n'indwara zishobora gukwirakwizwa n'imbuto.
- Ingero ngederwaho ziteganywa : ubundi bwoko butarengeje 2% ; (ubundi bwoko, imvange, n'imbuto itemewe), na 5% z'ibihingwa birwaye virusi (mosaique).

4.5 Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza

- Kurwanya indwara hakoreshejwe uburyo bwo guhinga no gukoresha imiti.
- Kurwanya imugese hakoreshejwe Tilt (ml 10 z'umuti kuri litiro 15 z'amazi kuri are imwe) cyangwa undi muti wica udukoko cyane inshuro 2 cyangwa 3, igihe indwara itangiye kugaragara.
- Kurwanya udukoko twangiza soya, hakoresha umuti witwa Diméthoate 40%EC (litiro 1,5 kuri Hegitare imwe) inshuro 2 cyangwa 3, cyangwa undi muti udushobora cyane.

5. GUSARURA, GUHUNGIRA NO GUHUNIKA

- Iyo bimaze kwera, igihe $\frac{3}{4}$ by'imisogwe bimaze kuba umuhondo w'ikigina, Soya bayikatira ku butaka kugira ngo igice kinjiza azote kigume mu butaka.
- Iyo soya imaze kwanikwa no kuma, irahurwa, intete zikanikwa ku zuba kugeza igihe zumiye neza.

- Kuyishyira mu mifungo no komekaho udupapuro twanditseho ibi bikurikira: ubwoko bw'imbuto, igihe yerera, umusaruro, ubuso ihinzeho, numero y'umufungo, n'ibiro byawo.
- Uzuza kandi woherewe uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro**.

6. IGIPIMO NGENDERWAHO CY'UBUZIRANENGE

Umufungo wa soya ifite icyemezo ugomba kuba wujuje ibipimo ngenderwaho bikurikira:

- Ubwimerere bw'ubwoko butari muni ya 98%;
- Ubwimerere bw'igihingwa butari muni ya 98% y'uburemere bwose;
- Imbuto z'indobanure zishobora kumera ntizigomba kujya hasi ya 75%;
- Ubuhehere ntibugomba kuba hejuru ya 11%.

7. IBIJYANYE N'UBUKUNGU

Igiciro cy'ibikorwa (kuri hegitari)	Ingano	Igipimo	Igiciro kuri buri gipimo (FRW)	Igiciro cyose hamwe (FRW)
Abakozi	400	umubyizi	500	200.000
Imbuto	70	Kilo	500	35.000
Rizobiyumu	0,7	Kilo	4.500	3.150
Ifumbire y'imborera	15.000	Kilo	10	150.000
Ifumbire y'imvaruganda				
DAP	100	Kilo	345	34.500
Imiti				
Diméthoate	3	Litiro	6.000	18.000
Tilt	2	Litiro	10.000	20.000
Igiciro cyose (FRW/Hegitare)				460.650
Inyungu				
Inyungu ku mbuto (FRW/Hegitari)	1.800	Kilo	350	630.000
Inyungu (FRW/Hegitare)				169.350
Igicuruzo (FRW/Kilo)				256

NB: Gukoresha rhizobium yonyine (ubutaka burumbuka), BITUMA igicuruzo kiba 153 Frw/Kilo gusa, ariko iyo hakoreshejwe NPK 17.17.17, kiba 287 Frw/Kilo.

8. ICYITONDERWA CYA NYIRUBWITE

SOYA : Uko ihingwa

Umunsi

Guhitamo no gutegura umurima: ibanziriza ibinyampeke cyangwa ibinyabijumba/ Zitandukanywa n'izindi na m 5. /Kurima amasinde.

Aho imbuto igurirwa: Imbuto shingiro zihungiyeye zigurirwa mu bigo byemewe cyangwa mu bikorera ku giti cyabo bemewe

PEKA 6
05/03/07

Hegitari 3 ku Buziranenge
bwemewe
N° PEK/07/07B
N° imenyekanisha umuhinzi



1

Itera : Itabira + Gutera ifumbire y'imborera ya toni 10-15 kuri hegitari mu gihe cy'itera niba igihingwa cyayibanjirije kitari cyarafumbiwe/ Guhungiza imbuto muri rizobiyumu (g 10 ku ku kiro 1 cy'imbuto), cyangwa se kunyanyagiza Kg 200 za NPK 17-17-17 kuri Hegitari 1 / mu itera, kuri cm 40 hagati y'imirongo, n'intete 1 kuri buri cm 10 (Kg 70 z'imbuto kuri hegitari 1)/Kurinda inuma mu minsi 10-15.

cm 10

cm 40

21

Kumenyekanisha igihingwa bitarenze ibyumweru bitatu kuva igihe cy'itera mu ishami rya RADA rishinzwe igenzura n'ibyemezo (BP 538 Kigali).

25

Ibagara rya mbere: Ibagara – isukira, uburebure bw'igihingwa \pm 10 cm / Gushyiramo ifumbire ibiro 100 bya DAP kuri hegitari.



45-50

Ibagara rya kabiri:

Kurwanya indwara n'ibikoko byangiza:

Kurwanya umugese: Gutera umuti wa Tilt (L 1 kuri Hegitari 1) inshuro 2 cyangwa 3, cyangwa undi ukomeye wabigenewe
Kurwanya udukoko: Gutera Diméthoate 40%EC (1,5L kuri Hegitari 1) inshuro 2 cyangwa undi muti ukomeye wagenewe kwica udukoko

Igenzura rya mbere ry'isuzuma
kugirango hatangwe icyemezo

75-80

Irabya : Gukuramo ibyatsi

80-100

Imbuto zikura mu misogwe

Igenzura rya kabiri ry'isuzuma
kugira ngo hatangwe icyemezo.

100-120

Kwera no gusarura: Imisogwe y'ikigina / Gukatira soya ku butaka kugira ngo hasigare igice kiriho imizi mu butaka

Gutunganya imbuto no guhunika :
Kuyanika, kuyitera umuti, kuyipfunyika no kuyishyiraho icyapa kiyiranga. Uzuza kandi woherewe uru rupapuro rwo **kumenyekanisha umusaruro.**

ICYAPA

Umuhinzi:
Imbuto ya Soya ifite icyemezo /
Ubwoko : Peka 6
Igihe yerera : Iminsi nka 115
Umusaruro : Toni 2,2 kuri hegitari
Imisozi miremire cyangwa migufi
N° 05/07B/Rub/07/C
Italiki:
Iburo 25

Gukomeza gukuramo andi moko kugeza Soya yeze